- 1° kuba bwubatse mu buryo ibirimo bitagerwaho n'ubukonje cyangwa ubushyuhe bwatuma byangirika cyangwa bigateza impanuka;
- 2° kuba bufite ibizimya muriro;
- 3° kuba bwitaruye ahatuwe n'abantu cyangwa ahakorerwa imirimo itandukanye;
- 4° kuba bwubatse kure y'aho umuriro utagera ku buryo bworoshye;
- 5° kuba bwubatse mu buryo kwiba ibirimo byagorana.

**Ingingo ya 16: Uburyo intambi n'ibijyana na zo zipangwa mu Bubiko Rusange**

Intambi n'ibijyana na zo zigomba gupangwa neza mu bubiko hakurikijwe imiterere ya buri bwoko. Zigomba kandi kuba ziteretse ku bintu byabugenewe.

**Ingingo ya 17: Isuku y'Ububiko Rusange**

Impande y'Ububiko Rusange hagomba kuba ibimenyetso bigaragaza ko aho hantu ari aho kwitonderwa kandi hagahora hagirirwa isuku mu rwego rwo kwirinda impanuka.

the ground and must fulfil the following standards:

- 1° to be built so that explosives and their accessories are not exposed to moisture or heat likely to cause their deterioration or an accident;
- 2° to have the fire extinguishers;
- 3° to be far away from residential areas or the places where various activities take place;
- 4° to be far away from a place where fire can not easily reach;
- 5° to be built so that the robbery is not easy.

**Article 16: Storage of explosives and their accessories in the National Store**

Explosives and their accessories shall be properly arranged in the store according to their nature. They shall be kept on appropriate fixtures.

**Article 17: Cleanliness of the National Store**

There shall be the signs showing that the place is dangerous and necessitates cleanliness near the National Store, in order to fight against accidents.

sous-sol ou sur le sol et doit remplir les conditions suivantes:

- 1° être construite de façon que les explosifs et leurs accessoires ne soient pas exposés à l'humidité ou à la chaleur susceptible de provoquer leur détérioration ou un accident ;
- 2° avoir les dispositifs anti-incendie ;
- 3° être éloignée des endroits habités ou des endroits où s'exercent diverses activités;
- 4° être éloignée d'un endroit que le feu peut atteindre facilement;
- 5° être construite de façon que le vol s'avère difficile.

**Article 16 : Disposition des explosifs et leurs accessoires dans la Poudrière Nationale**

Les explosifs et leurs accessoires doivent être bien disposés suivant leur nature. Ils doivent en outre être déposés sur les objets appropriés.

**Article 17 : Propreté de la Poudrière Nationale**

A côté de la Poudrière Nationale, il doit y avoir les signes montrant que le lieu est dangereux et qu'il nécessite la propreté en vue de lutter contre les accidents.

*Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012*

Birabujijwe kunywera itabi hafi y'ububiko rusange, kuhinjirana ibibiriti cyangwa telefone zigendanwa.	It is prohibited to smoke nearby the store, to enter with matches or mobile phones.	Il est interdit de fumer tout près de la poudrière, d'y entrer avec des allumettes ou des téléphones mobiles.
Ibisabwa ku isuku y'Ububiko Rusange ni na byo bisabwa ku muntu ufite ububiko bwe buciriritse buvugwa mu ngingo ya 22 y'iri teka.	The conditions required for the safety of the National Store are the same for the holder of a small stock mentioned in Article 22 of this Order.	Les conditions exigées pour la propreté de la Poudrière Nationale sont les mêmes pour le détenteur d'un petit stock mentionné à l'article 22 du présent arrêté.
<b><u>Ingingo ya 18: Igitabo cy'ibinjijye n'ibisohotse mu Bubiko Rusange</u></b>	<b><u>Article 18: Registry for entries and exits in the National Store</u></b>	<b><u>Article 18: Registre des entrées et des sorties dans la Poudrière Nationale</u></b>
Ububiko Rusange bugomba kubika igitabo cyandikwamo ibinjijye n'ibisohotse, ubinjijye cyangwa ubisohoye, ubwoko na nimero za plaki y'imodoka ibitwaye, itariki n'isaha byinjiriyeho cyangwa bisohokereye.	The National Store shall keep a registry to record the entries and exits, the name of the person who puts them in or gets them out, the type of the vehicle and the number plate of the vehicle used to carry them, the date and time of their entry or exit.	La Poudrière Nationale doit tenir un registre où seront reportés les entrées et les sorties, le nom de la personne qui procède à ces opérations, la marque et le numéro de plaque du véhicule qui les transporte, la date et l'heure de leur entrée ou de leur sortie.
Iki gitabo kigomba kuba gifite ikirango cyacyo kizwi, impapuro zacyo ziriho inomero zikurikiranye kandi kigomba kwerekwa abashinzwe kukigenzura bagomba kugishyiraho umukono buri gihe uko baje.	This registry shall have its known identification sign, its numbered pages and regularly checked by inspectors who put their signatures whenever they come.	Ce registre doit avoir son propre signe distinctif, ses pages numérotées et doit être contrôlé par des inspecteurs qui y apposent leur signature chaque fois qu'ils viennent.
<b><u>Ingingo ya 19: Abakozi bakora mu Bubiko Rusange</u></b>	<b><u>Article 19: Staff of the National Store</u></b>	<b><u>Article 19 : Personnel de la Poudrière Nationale</u></b>
Abakozi b'Ububiko Rusange bagomba kuba bafite ubumenyi mu bijyanye n'intambi n'ibijyana na zo.	The staff of the National Store shall be qualified in the field of explosives and their accessories.	Le personnel de la Poudrière Nationale doit être qualifié dans la matière des explosifs et leurs accessoires.
<b><u>Ingingo ya 20: Umutekano w'Ububiko Rusange</u></b>	<b><u>Article 20: Security of the National Store</u></b>	<b><u>Article 20 : Sécurité de la Poudrière Nationale</u></b>
Ububiko Rusange bugomba kugira uburinzira	The National Store shall be permanently protected	La sécurité de la Poudrière Nationale doit être



buhoraho kandi n'ibimenyetso bibuza kuhakorera imirimo yose yateza impanuka. Bugomba gushyirwaho urutsinga rurinda inkuba kandi bugomba kuba buzitiye.

**Ingingo ya 21: Amafaranga atangwa ku Bubiko Rusange**

RURA igena amafaranga atangwa ku Bubiko Rusange, hakurikijwe ingano y'ibibitswe n'igihe bihamara

**Ingingo ya 22: Ububiko buciriritse bwigenga bw'intambi n'ibijyana nazo**

Umuntu wese wemerewe gukoresha intambi n'ibijyana nazo ashobora kugira ububiko buciriritse hafi y'aho akorera ibikorwa bye.

Mbere yo kubufungura, abimenyeshya Komite Ngenzuzi Ihoraho ivugwa mu ngingo ya 37 y'iri teka, kugira ngo iyemere.

Ibisabwa ushaka gufungura ububiko buciriritse, imiterere yabwo, uburyo intambi n'ibijyana na zo zipangwa, isuku, igitabo cy'ibyinjiye n'ibisohoka, abakozi bakora mu bubiko n'uburinzi bw'ububiko ni bimwe n'ibisabwa ku Bubiko Rusange.

under tight security and shall have signs prohibiting all the activities likely to cause accidents. It must be fenced and equipped with devices against thunderstorm.

**Article 21: Fees payable for the National Store.**

RURA shall determine the costs paid to the National Store, based on the quantity of explosives and the duration of their storage.

**Article 22: Small private store of explosives and their accessories**

A person allowed to use explosives and their accessories may have a private small store near his/her site of operation.

Before its opening he/she shall inform the Permanent Inspection Committee as provided for in Article 37 of this Order for approval.

Requirements to a person who wants to open a private small store, description, storage of explosives and their accessories, cleanliness, registry for the entries and the exits, the staff and the security are the same as those required for a National Store.

régulièrement assurée et avoir des signes interdisant toutes les activités susceptibles de provoquer des accidents. Elle doit être clôturée et munie d'un système de paratonnerre.

**Article 21 : Frais payables pour la Poudrière Nationale**

RURA détermine les frais à payer pour la Poudrière Nationale, selon la quantité des explosifs et la durée de leur entreposage.

**Article 22 : Petit stock privé des explosifs et leurs accessoires**

Toute personne autorisée à utiliser les explosifs et leurs accessoires peut disposer d'un petit stock privé à proximité de son chantier.

Avant de l'ouvrir, il en informe le Comité d'Inspection Permanent prévu dans l'article 37 du présent arrêté, pour approbation.

Les exigences pour celui qui veut ouvrir un petit stock privé, sa nature, la disposition des explosifs et leurs accessoires, sa propreté, le registre des entrées et des sorties, son personnel et sa sécurité sont les mêmes que ceux exigés pour la Poudrière Nationale.

**UMUTWE WA V: IMIKORESHEREZE  
Y'INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO**

**Ingingo ya 23: Ufite ububasha bwo gukoresha  
intambi n'ibijyana na zo**

Ukoresha intambi n'ibijyanye na zo ashobora kuba nyir'imirimu ikeneye gukoresha intambi n'ibijyana na zo cyangwa undi ubifitiye ubushobozi kandi wabyemerewe akabiharerwa uruhushya na Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze.

**Ingingo ya 24: Gahunda yo gukoresha intambi**

Mbere yo gutangira gukoresha intambi n'ibijyana na zo, nyir'uburenganzira agomba kuba afite gahunda yo kuzikoresha igaragaza nibura ibi bikurikira: umubare w'imyobo, imiterere yayo n'aho yerekeza, umurambararo wayo, intera iri hagati y'umwobo n'undi, ubujyakuzimu bwayo, umubare w'intambi n'ibijyanye na zo.

Gahunda yo gukoresha intambi n'ibijyana nazo yomekwa ku nyandiko isaba.

**Ingingo ya 25: Impamyabumenyi n'amahugurwa  
ku bakoresha intambi n'ibijyana na zo**

Umuntu ukoresha intambi n'ibijyana na zo agomba kuba yarabihuguwemo, yarabihereye impamyabumenyi kandi agahora ahabwa amahugurwa ajyanye n'uwo murimo.

**CHAPTER V: USE OF EXPLOSIVES AND  
THEIR ACCESSORIES**

**Article 23: Person who can use explosives and  
their accessories**

A person who uses the explosives and their accessories may be the beneficiary authorized to use explosives and their accessories or any another person hired for that purpose and who has the authorization of the Minister in charge of security.

**Article 24: Plan of using explosives and their  
accessories**

Prior to operating them, a person who uses explosives and their accessories, shall have a use plan showing inter alia: the number of the holes, their nature and their direction, their diameter, the distance between these holes, their depth, the type, number and volume of explosives and their accessories.

The use plan of explosives and their accessories shall be annexed to the letter of request.

**Article 25: Certificate and training for the users  
of explosives and their accessories**

A person who uses explosives and their accessories shall be trained in that domain, have a certificate and regularly attend courses related to this field.

**CHAPITRE V: UTILISATION DES  
EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES**

**Article 23 : Personne pouvant utiliser les  
explosifs et leurs accessoires**

L'utilisateur des explosifs et leurs accessoires peut être le bénéficiaire des activités nécessitant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires ou toute autre personne qui en est capable et ayant l'autorisation du Ministre ayant la sécurité dans ses attributions.

**Article 24 : Plan d'utilisation des explosifs et  
leurs accessoires**

Avant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires, l'utilisateur doit avoir le plan d'utilisation montrant entre autres: le nombre des trous, leur nature et leur direction, leur diamètre, la distance entre ces trous, leur profondeur, la quantité des explosifs et leurs accessoires.

Le plan d'utilisation des explosifs et leurs accessoires sont annexés à la lettre de demande.

**Article 25: Certificat et formation pour les  
utilisateurs des explosifs et leurs accessoires**

Une personne qui utilise les explosifs et leurs accessoires doit avoir été formée dans le domaine, avoir reçu un certificat et bénéficier de formations régulières autant qu'il le faut.

Ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigenzurwa na komite iteganyijwe mu ngingo ya 29 y'iri teka.

**Ingingo ya 26: Guteguzwa abatwaga ko hazaba igikorwa cyo gukoresha intambi**

Mbere yo guturitsa intambi, ukoresha intambi agomba kubimenyeshya abatwaga n'ubuyobozi bw'aho icyo gikorwa kigiye gukorwa nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko bikorwa.

**Ingingo ya 27: Uburemere bw'umutingito uterwa no guturitsa intambi**

Ukoresha intambi n'ibijyana na zo agomba kugira akamashini gapima ko uburemere bw'umutingito butajya hejuru y'ibipimo bikurikira:

- 1° milimetero enye (4) ku isogonda (4 mm/sec) ku guturitsa intambi zegereye aho abantu batuye cyangwa ibikorwa remezo;
- 2° milimetero icumi (10) ku isogonda (10 mm/sec) ku guturitsa intambi ahantu hanamye ariko hategereye abatwaga cyangwa ibikorwa remezo no ku ntambi ziturikirizwa muni y'ubutaka.

**Ingingo ya 28: Inyuma y'urusaku**

Urusaku rw'igikorwa cyo guturikisha intambi n'ibijyana na zo ntrugomba kurenga desiberi mirongo inani (80).

The technical committee mentioned under Article 29 of this Order shall verify the existence of conditions envisaged in the first paragraph of this Article.

**Article 26: Warning the community before using explosives**

A person, who uses explosives, shall warn the community and the local authority at least two (2) days in advance before the use of explosives blast.

**Article 27: Scale of the quakes caused by the use of explosives**

A person who uses explosives and their accessories shall have an appropriate apparatus to show scale of the quake generated by the explosion and shall not exceed the following standards:

- 1° four (4) millimeters per second (4mm/s) for blasting explosive close to residential centers and infrastructure;
- 2° ten (10) millimeters per second (10mm/s) for blasting in the open space far from residential centers and infrastructure and underground blasting.

**Article 28: Decibel**

The noise of the activity of use of explosives and their accessories shall not exceed eighty (80) decibels.

Le Comité technique prévu à l'article 29 du présent arrêté vérifie l'existence des conditions prévues au premier alinéa du présent article.

**Article 26: Communication à la population de l'utilisation future des explosifs**

Avant chaque tir, l'utilisateur d'explosifs doit l'annoncer à la population environnante et à l'autorité locale au moins deux (2) jours avant.

**Article 27: Niveau de tremblement provoqué par l'utilisation d'explosifs**

L'utilisateur d'explosifs et leurs accessoires doit disposer d'une machine qui mesure que la charge ne provoque pas une vitesse de vibration dépassant les normes suivantes:

- 1° quatre (4) millimètres par seconde (4mm/sec) pour les tirs d'explosifs proches de la population et des infrastructures;
- 2° dix (10) millimètres par seconde (10 mm/sec) pour le dynamitage dans des zones à ciel ouvert et éloignées de la population ou des infrastructures ainsi que pour les dynamitages souterrains.

**Article 28 : Décibel**

Le bruit de l'action d'utilisation des explosifs et leurs accessoires ne doit pas dépasser quatre vingt (80) décibels.

**Ingingo ya 29: Imbibi z'amabuye asimbuka bitewe no guturitsa intambi n'ibijyana na zo**

Mu gihe cyo guturitsa intambi n'ibijyana na zo amabuye ntagomba kurenga imbibi z'aho ziturikirizwa.

**Ingingo ya 30: Raporo y'igikorwa cyo gukoresha intambi n'ibijyana na zo**

Raporo yo guturitsa intambi n'ibijyana na zo kimwe n'intambi zikoreshwa mu mikino zigomba guhita zishyikirizwa Minisitiri ufite Umutekano mu nshingano na Minisitiri ushinzwe Ubucukuzi bwa mine na kariyeri, Insipegiteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutungo Kamere, Ubuyobozi bw'Akarere, ubw'Umurenge n'Akagari intambi n'ibijyana na zo zaturikirijwemo.

**UMUTWE WA VI: GUKORA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO**

**Ingingo ya 31: Uruhushya rwo gukora intambi n'ibijyana nazo**

Ushaka gukora intambi n'ibijyana na zo asaba uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze bimaze kwemezwa n'inama y'Abaminisitiri.

Dosiye ijyanwa mu nama y'Abaminisitiri igomba

**Article 29: Distance limit of the stones ejected during blasting of explosives and their accessories.**

The stones shall not go beyond the perimeter of the prescribed zone during blasting of explosives.

**Article 30: Report for the use of explosives and their accessories**

The report of use of explosives and their accessories as well as fireworks shall immediately be submitted to the Minister in charge of Security, the Minister in charge of mining and quarrying, the Inspector General of Rwanda National Police, the Rwanda Natural Resources Authority, the mayor of District as well as the administrative authority of the Sector and the Cell of the area of dynamiting works.

**CHAPTER VI: MANUFACTURE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES**

**Article 31: Authorization of manufacturing explosives and their accessories**

A person who wants to manufacture explosives and their accessories shall request the authorization, delivered by the Minister in charge of security after approval by the Cabinet.

The file to be submitted to the Cabinet shall be

**Article 29 : Distance limite de la propulsion de pierres pendant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires**

Pendant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires, les pierres propulsées ne doivent pas aller en dehors du périmètre prévu.

**Article 30 : Rapport d'utilisation des explosifs et leurs accessoires**

Les rapports d'utilisation des explosifs et leurs accessoires ainsi que des feux d'artifices doivent être immédiatement soumis au Ministre ayant la sécurité dans ses attributions, au Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions, à l'Inspecteur Général de la Police Nationale du Rwanda, à l'Office National des Ressources Naturelles, au Maire de District, aux autorités administratives du Secteur et de la Cellule du lieu où l'acte s'est produit.

**CHAPITRE VI: FABRICATION D'EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES**

**Article 31 : Autorisation de la fabrication d'explosifs et leurs accessoires**

Toute personne désirant fabriquer les explosifs et leurs accessoires demande l'autorisation délivrée par le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions après l'approbation par le Conseil des Ministres.

Le dossier à soumettre au Conseil des Ministres

kuba yabanje gusuzumwa na Komite Tekiniki Ngishwanama ya Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze kandi igizwe n'impuguke ziturutse mu bigo bikurikira: REMA, RBS, RDF, NISS, RNP, RURA na RNRA.

**Ingingo ya 32: Ibyo ushaka gukora intambi n'ibijyana na zo agomba kuba yujuje**

Usaba uruhushya rwo gushinga uruganda rw'intambi n'ibijyana na zo agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kugaragaza umushinga w'inyigo ku ishoramari, ku bikorwa biteganywa n'inyigo ku ngaruka ku bidukikije ;
- 2° kugira abakozi babyigiye;
- 3° kuba yanditse mu bitabo by'ubucuruzi ;
- 4° kuba nibura afite imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
- 5° kuba afite icyemezo cya muganga wemewe na Leta cyemeza ko atarwara indwara zo mu mutwe.

Ibivugwa mu duce twa 4° na 5° tw'iyi ngingo bireba gusa abantu ku giti cyabo.

examined by the Technical Consultative Committee to the Minister in charge of security and composed of experts from the following Institutions: REMA, RBS, RDF, NISS, RNP, RURA and RNRA.

**Article 32: Requirements for the manufacturer of explosives and their accessories**

Any person who wants to start an industry of explosives and their accessories shall fulfil the following:

- 1° to present the project proposal study with Investment Plan, Action Plan and Environmental Impact Assessment;
- 2° to have qualified staff;
- 3° to hold a trade license;
- 4° to be at least twenty-one (21) years of age;
- 5° to have a medical certificate issued by an authorized medical Doctor stating that he/she has no mental illness.

Items 4° and 5° of this Article apply only to natural persons.

doit avoir été examiné par le Comité Technique Consultatif du Ministre ayant la sécurité dans ses attributions et composé par des experts en provenance des institutions suivantes: REMA, RBS, RDF, NISS, RNP, RURA et RNRA.

**Article 32: Conditions requises pour la fabrication d'explosifs et leurs accessoires**

Quiconque veut démarrer une usine des explosifs et leurs accessoires doit remplir les conditions suivantes:

- 1° présenter l'étude du projet indiquant le plan d'investissement, le Plan des activités et l'étude de l'impact environnemental;
- 2° avoir le personnel qualifié;
- 3° être immatriculé au registre du commerce ;
- 4° être âgé au moins de vingt et un (21) ans;
- 5° avoir le certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'il ne souffre d'aucune maladie mentale.

Les points 4° et 5° du présent article s'appliquent seulement à des personnes physiques.

**UMUTWE WA VII: GUCURUZA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO**

**Ingingo ya 33: Uruhushya rwo gucuruza intambi n'ibijyana na zo**

Ushaka gucuruza intambi n'ibijyana nazo agomba kuba afite uruhushya rwatanzwe na Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze amaze kugisha inama Komite Tekinike igizwe n'inzego zavuzwe mu ngingo ya 31 y'iri teka.

**Ingingo ya 34: Ibisabwa uwifuza gucuruza intambi n'ibijyana nazo**

Ushaka uruhushya rwo gucuruza intambi n'ibijyanye na zo agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba yanditse mu bitabo by'ubucuruzi ;
- 2° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
- 3° kuba afite icyemezo cya muganga wemewe na Leta cy'uko atarwara indwara zo mu mutwe.

Ibivugwa mu duce twa 2° na 3° tw'iyi ngingo bireba gusa abantu ku giti cyabo.

**Ingingo ya 35: Umubare w'intambi n'ibijyana na zo ushyirwa mu iduka rizicuruza**

Mu iduka ry'ucuruza intambi n'ibijyana na zo

**CHAPTER VII: TRADE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES**

**Article 33: Licence to trade explosives and their accessories**

A person who wants to start the trade of explosives and their accessories shall have the authorization delivered by the Minister in charge of Security after consultation with the Technical Committee composed by institutions mentioned in Article 31 of this Order.

**Article 34: Requirements for trading the explosives and their accessories**

A person who requests for the authorization to start the trade of explosives and their accessories shall fulfil the following:

- 1° to hold a trade license;
- 2° to be at least twenty-one (21) years of age;
- 3° to have a medical certificate issued by an authorized medical doctor stating that he/she has no mental illness.

Items in points 2° and 3° of this Article apply only to natural persons.

**Article 35: Quantity of explosives and their accessories exhibited in an authorised trader's shop**

An authorized dealer of explosives and their

**CHAPITRE VII: COMMERCE DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES**

**Article 33: Autorisation du commerce des explosifs et leurs accessoires**

Toute personne désirant faire le commerce d'explosifs et leurs accessoires doit préalablement avoir l'autorisation délivrée par le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions après l'avis du Comité Technique composé par les institutions énumérées à l'article 31 du présent arrêté.

**Article 34 : Conditions requises pour faire le commerce des explosifs**

Toute personne désirant faire le commerce d'explosifs et leurs accessoires doit remplir les conditions suivantes :

- 1° être immatriculé au registre du commerce;
- 2° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans ;
- 3° avoir un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'il ne souffre pas de maladies mentales.

Les points 2° et 3° ne s'appliquent qu'à des personnes physiques.

**Article 35: Quantité d'explosifs et leurs accessoires exposable dans un magasin du commerçant**

Dans le magasin d'un commerçant d'explosifs et

*Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012*

hashyirwamo gusa urugero rumwe kuri buri bwoko bw'intambi n'ibijyana na zo mu byo acuruza, ibindi bigashyirwa mu Bubiko Rusange.

Umuntu ucuruza intambi n'ibijyanye nazo agomba kandi kugaragaza n'iherezo ry'intambi yari asigaranye.

**Ingingo ya 36: Kuva mu mwuga w'ubucuruzi bw'intambi n'ibijyana na zo**

Mu gihe uwacuruzaga intambi n'ibijyana na zo ahagaritse uwo murimo agomba kubimenyesha Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze mu minsi cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 37: Kumenyesha inzego z'umutekano ubujura n'ibura ry'intambi n'ibijyana na zo**

Iyo ucuruza intambi n'ibijyana na zo aramutse yibwe cyangwa abuze kimwe mu bicuruzwa bye, agomba kubimenyesha mu nyandiko Polisi y'u Rwanda, cyangwa urundi Rwego rw'Umutekano bimwegereye mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24).

accessories displays one specimen for each type of explosives and their accessories which he (she) sells and the remaining quantity shall be stored in the National Store.

The dealer of explosives and their accessories must also account for the remaining explosives.

**Article 36: Termination of trading of explosives and their accessories**

An authorized dealer of explosives and their accessories shall inform the Minister in charge of security of the termination his/her business within fifteen (15) days.

**Article 37: Informing security officers about the theft and the loss of explosives and their accessories**

An authorized trader of explosives and their accessories shall inform in writing the Rwanda National Police or any other Security Organ of the theft or the loss of explosives and their accessories in a period not exceeding twenty- four (24) hours.

leurs accessoires, un seul exemplaire pour chaque type des explosifs et leurs accessoires vendus est étalé, et le reste est stocké dans la Poudrière Nationale.

Le commerçant d'explosifs et leurs accessoires doit également rendre compte de la destination des explosifs qu'il garde.

**Article 36: Cessation du commerce des explosifs et leurs accessoires**

Lorsqu'un commerçant d'explosifs et leurs accessoires met fin à cette activité, il doit en informer le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions endéans quinze (15) jours.

**Article 37: Communication du vol et de la perte des explosifs et leurs accessoires aux agents de la sécurité**

Lorsque les explosifs et leurs accessoires sont volés ou perdus, le commerçant est tenu d'en informer par écrit la Police Nationale ou tout autre Organe chargé de la Sécurité dans une délai n'excédant pas vingt- quatre (24) heures.

**UMUTWE WA VIII: IGENZURA RY'UBUBIKO RUSANGE NO GUSUBIRANYA AHAKORESHEJWE INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO**

**Ingingo 38: Komite yo kugenzura inganda n'Ububiko Rusange bw'intambi n'ibijyana na zo**

Hashyizweho Komite Ngenzuzi Ihoraho igenzura inganda zikora intambi n'ibijyana na zo n'Ububiko Rusange bwazo, igizwe n'inzobere zituruka mu Nzego zikurikira: RNRA, RDF, RNP, RBS, REMA n'Iburo by'Intumwa Nkuru ya Leta.

Igenzura rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa buri mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Raporo y'igenzura ishyikirizwa Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze, Minisitiri ufite mine na kariyeri mu nshingano ze akagenerwa kopi.

**Ingingo ya 39: Gusenya intambi zarengeje igihe n'izangiritse no gusubiranya aho zasenyewe**

Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze, ashingiye kuri raporo y'igenzura, ateguka ko intambi n'ibijyana na zo zangiritse cyangwa zarengeje igihe cyo gukoreshwa zisenywa.

**CHAPTER VIII: MONITORING OF THE NATIONAL STORE AND REMEDIATION OF THE SITE WHERE EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES HAVE BEEN USED**

**Article 38: Committee in charge of inspection of factories and the National Store of explosives and their accessories**

There is hereby established a Permanent Inspection Committee on explosives and their accessories, manufacturing factories and National Store. The Inspection Committee shall be composed of experts from the following Institutions: RNRA, RDF, RNP, RBS, REMA and the Office of Attorney General.

The inspection referred to in the previous paragraph of this Article shall be carried out every three (3) months and always when necessary.

The report of the inspection shall be submitted to the Minister in charge of security with a copy to the Minister in charge of mines and quarries.

**Article 39: Destruction of expired or faulty explosives and their accessories and remediation of destruction site**

The Minister in charge of security, on the basis of a report of the inspection shall order the destruction of faulty or expired explosives and their accessories.

**CHAPITRE VIII: CONTROLE DE LA POUDRIERE NATIONALE ET AMENAGEMENT DU LIEU OU LES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES ONT ETE UTILISES**

**Article 38: Comité chargé du contrôle des usines et du Stock National des explosifs et leurs accessoires**

Il est mis en place un Comité Permanent de Contrôle des usines de fabrication des explosifs et leurs accessoires ainsi que la Poudrière Nationale, composé des experts en provenance des institutions suivantes : RNRA, RDF, RNP, RBS, REMA et le Service du Garde des Sceaux.

Le contrôle prévu à l'alinéa précédent de cet article est effectué tous les trois (3) mois et chaque fois qu'il s'avère nécessaire.

Le rapport de contrôle est soumis au Ministre ayant la sécurité dans ses attributions avec copie au Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions.

**Article 39: Destruction des explosifs et leurs accessoires expirés ou détériorés et aménagement de leur lieu de destruction**

Le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions, sur base du rapport de contrôle, ordonne la destruction des explosifs et leurs accessoires détériorés ou expirés.



Nyir' intambi n'ibijyana na zo ni we wishyura ibyakoreshejwe mu kuzisenya no gusubiranya aho zasenyewe.

**UMUTWE WA IX: INDISHYI ZIKOMOKA KU MIKORESHEREZE Y'INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO**

**Ingingo ya 40: Abaryozwa ingaruka zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo**

Nyir'ugukoresha intambi n'ibijyana na zo yishingira ingaruka zose ziturutse ku bikorwa bya bihungabanya ubuzima bw'abantu, imitungo yabo, ibikorwa remezo byabo cyangwa ibidukikije.

**Ingingo ya 41 : Uruhare rw'inzego z'ibanze mu kumenya ingaruka zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo**

Mu gihe ingaruka zivugwa mu ngingo ya 40 zibayeho, Ubuyobozi bw'Akagari k'aho byabereye bugomba kwifashisha inzego zose bireba kugira ngo hamenyekane ibyangiritse kandi bimenyeshwe nyir'intambi n'ibijyana na zo mu rwego rwo gutanga indishyi zikwiye.

The owner of the explosives and their accessories bears the cost of destroying faulty and expired explosives and their accessories and remediation of the destruction site.

**CHAPTER IX: DAMAGES RELATED TO THE USE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES**

**Article 40: Persons liable for the effects of the use of explosives and their accessories**

A person who uses explosives and their accessories is responsible for all the effects resulting from the use of explosives which may endanger human health, their property, their infrastructure or environment.

**Article 41: Role of the local administrative entities in the evaluation of the effects of the use of explosives and their accessories**

In case of damages referred to under Article 40 of this Order, in the evaluation of effects, an authority of the cell in which effects have occurred shall request assistance from all relevant authorities for evaluation of such damages caused by the use of explosives and their accessories and inform the owner of damages for compensation.

Le propriétaire d'explosifs et leurs accessoires paie les frais de destruction et d'aménagement du lieu où ils ont été détruits.

**CHAPITRE IX: DOMMAGES ET INTERETS RELEVANT DE L'UTILISATION DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES**

**Article 40: Personnes responsables des conséquences de l'utilisation des explosifs et leurs accessoires**

Une personne qui utilise les explosifs et leurs accessoires est tenue responsable de toutes les conséquences qui en découlent pouvant porter atteinte à la santé des populations, à leurs biens, à leurs infrastructures ou à l'environnement.

**Article 41 : Rôle des autorités locales dans l'évaluation des conséquences dues à l'utilisation des explosifs et leurs accessoires**

Lorsque les conséquences évoquées à l'article 40 du présent arrêté se manifestent, l'autorité de la Cellule de ce lieu doit recourir à l'assistance de toutes les instances concernées pour évaluer les dégâts et en informer l'utilisateur des explosifs et leurs accessoires afin de payer les dommages et intérêts.

**Ingingo ya 42:** Gukemura impaka zivuka mu gutanga indishyi zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo

Mu gihe habayeho kutumvikana hagati y'abagezweho n'ingaruka zo gukoresha intambi ku ruhanda rumwe, n'abazikoresha ku rundi ruhanda mu byerekeranye n'indishyi zikwiye, impaka zikemurwa n'Urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 43:** Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 44:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 03/01/2012

**Article 42:** Settlement of dispute relating to the payment of damages related to the use of explosives and their accessories

In case of a dispute between persons who suffered the effects of the use of explosives and their accessories, on one hand and the persons who used them, on the other, the disagreement shall be settled by a competent court.

**CHAPTER X: FINAL PROVISIONS**

**Article 43:** Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 44:** Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 03/01/2012

**Article 42 :** Règlement des différends inhérents au paiement des dommages et intérêts dus à l'utilisation des explosifs et leurs accessoires

Lorsqu'il survient un différend entre les personnes victimes des conséquences dues à l'utilisation des explosifs et leurs accessoires d'une part, et leur utilisateur d'autre part, sur le montant des dommages et intérêts, le différend est porté devant la juridiction compétente.

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 43:** Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 44:** Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 03/01/2012

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minisitiri w'Umutungo Kamere

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya  
Repubulika;**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Minister of Natural Resources

**Seen and Seal with the Seal of the Republic;**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**KAMANZI Stanislas**  
Ministre des Ressources Naturelles

**Vu et Scellé du Sceau de la République**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux